REPUBULIKA Y'U RWANDA

Rwamagana, kuwa 13/12/2016
N° 288 /07.05.01

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

OFFICE OF NGOMA DISTRICT COUNCIL
RECEIVED ON: 14/12/2016
REFERENCE:
SIGNATURE:

**Bwana Muyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 30/11/2016**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 30/11/2016 yangezeho kuwa 07/12/2016;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe, nkaba mbasaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa. Gusa ku mwanzuro wa kabiri urebana n'abakozi bajuririye amanota bahawe, ndasaba ko mwakongera mugashishoza mbere yo gushyira mu bikorwa, hagendewe ku mategeko n'ibyagezweho n'Akarere mu mihigo.

Mbifurije imirimo myiza.

**KAZAIRE Judith**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA.**

REPUBULIKA Y' U RWANDA

Ngoma, kuwa 06 /12/2016
N°Réf.NJY/075../07.05.06

OFFICE OF THE MAYOR
NGOMA DISTRICT
RECEIVED ON: 07/12/2016
REFERENCE:
SIGNATURE:

Eastern Province
For reception
Date 07 DEC 2016
Signature

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: disconcilngoma**

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba
**RWAMAGANA.**

**IMPAMVU :** Kohereza imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa **30/11/2016**.

Madamu Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohererereze ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa **30/11/2016**.

Ku mugereka murahasanga :

- Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **30/06/2016**
- Inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **22/07/2016**

Mbaye mbashimiye uburyo muyakira.

P.O Dr KANIBANA

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**BIMENYESHEJWE**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

# INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KU WA 30/11/2016

Kuwa gatatu tariki ya 30/11/2016, guhera i saa yine (10h00) za mu gitondo, mu cyumba cy'Inama cy'Akarere , habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma ; iyobowe na Perezida wayo Bwana **BANAMWANA Bernard** . Yitabiriwe n'Abajyanama 28/29 .

Umujyanama wasabye uruhushya ni :

1. Bwana KAMANZI John (yari mu Itorero ry'Abaganga)

Ku murongo w'Ibyigwa hari:

1. Gusoma, gusesengura no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa **30/06/2016** n'inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa **22/07/2016**
2. Kurebera hamwe ibyavuye mu ma Komisiyo agize Inama Njyanama y'Akarere.
3. Ibintu n'ibindi

**I. Ingingo ya mbere: Gusoma , gusesengura no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 30/06/2016 n'idasanzwe yo ku wa 22/07/2016**

1. Nyuma yo gusoma , gusesengura no gukorera ubugororangingo inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **30/06/2016**, n'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **22/07/2016**, abari mu nama bazemeje.

**II.Ingingo ya kabiri: Kurebera hamwe ibyavuye mu ma Komisiyo agize Inama Njyanama y'Akarere**

2. Ikibazo cy' abakozi bajuririye amanota bahawe mu isuzumamikorere bakorewe ku rwego rwa kabiri aribo SIBOMANA J Bosco : PRO (Umukozi ushinzwe gutsura umubano, itangazamakuru n'Itumanaho ) na BUSHAYIJA Francis : S/E ( Umunyamabanga Nshimgwabikorwa w'Umurenge wa Kazo).

   SIBOMANA J.Bosco ku rwego rwa kabiri yari yahawe amanota 75,8% naho BUSHAYIJA Francis ahabwa 77,8%. Hashingiwe kuri raporo yakozwe n'Abajyanama bagize Inama y'Abaperezida bakoze isuzuma bashingiye ku byo abo bakozi bahize n'amategeko agenga



ABS

isuzuma ry'abakozi ba Leta, abari mu nama bemeje ko SIBOMANA J.Bosco ahabwa amanota **79,2%,** naho **BUSHAYIJA Francis** agahabwa **86,3%.**

3. Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa imyanzuro yavuye mu mwiherero wabereye i Gashora, Abajyanama bagize Komisiyo y'Imibereho Myiza basuye Transit Center y'I Remera. Nyuma yo kugeza ku Nama Njyanama raporo y'uko basanze imeze abari mu nama bemeje ko hakorwa inyigo yo kubaka Transit Center nshya yujuje ubuziranenge.
4. Inama Njyanama yemeje inama z'ubutegetsi z'ibigo ku buryo bukurikira:

**A) Inama y'ubutegetsi ( board) ya farumasi y'Akarere igizwe n'aba bakurikira:**

1. Umuyobozi w'Ibitaro : **Dr NAMANYA William**
2. Umukozi ushinzwe ubuzima mu Karere: **MUJAWIMANA Eudulene**
3. Uhagarariye Abihayimana: **Padiri KAGIMBURA Oscar**
4. Uhagarariye RSSB : **MUSONERA Celestin**
5. Uhagarariye abikorera ku giti cyabo( PSF): **KAZIMIRI Juvens**
6. Uhagarariye abayobozi b'Ibigo Nderabuzima: **KAMANZI John**
7. Uhagarariye Inama Njyanama : **HATEGEKIMANA Fred**
8. Umuyobozi wa Farumasi y'Akarere ( Umwanditsi): **RUTAGANDA Fiacre**

**B) Inama y'ubutegetsi (board) y' Ibitaro bya Kibungo:**

1. Uhagarariye Inama Njyanama: **Dr. KANOBANA Mathusalem**
2. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere: **KANAYOGE Alex**
3. Uhagarariye Amashyirahamwe adaharanira inyungu:**SEKAMANA Azades**
4. Uhagarariye abikorera ku giti cyabo (PSF): **HITIMANA Vedaste**
5. Umuyobozi w'Ibitaro (Umwanditsi): **Dr. NAMANYA William**
6. Uhagarariye Abayobozi b'ibigo nderabuzima : **GASHANANA RAFIKI Ephrem**

**C) Inama y'ubutegetsi y'ikoreshwa ry'amazi mu Karere (District Water Board):**

a. Umuyobozi w'Akarere Wungirije w'Ubukungu akaba ariwe Muyobozi : **RWIRIRIZA J.M.V**

b. Ushinzwe Ibikorwa by'Amazi mu Karere :**KAYIGIRE Fidele**

c. Uhagarariye abakoresha amazi : **Sister Goreth UMUGWANEZA**

d. Uhagarariye abakoresha amazi : **MUVUNYI STANELEY**

e. Uhagarariye Abikorera : **HITIMANA Vedaste**

f. Uhagarariye Amashuri : **Father Anicet NDAZIGARUYE**

g. Uhagarariye Abayobozi b'Ibigo Nderabuzima : **GASHANANA Rafiki Ephrem**

h. Uhagarariye Inama Njyanama y'Akarere : **MUSONERA Ephrem**

i. Uhagarariye WASAC : **Emile Alimas**

j. Uhagarariye abafatanyabikorwa ( JADF ): **HABIMANA Kizito**

5. Nyuma yo gusoma raporo ya EICV IV yatanzwe ku bipimo by'imibereho myiza y'abaturage, igaragaza ko Akarere ka Ngoma kari hasi y' igipimo cy'umurongo w'Ubukene , abari mu nama bemeje ko Komisiyo zose z'Inama Njyanama zagirana inama n'abafatanyabikorwa ( JADF) bakorera mu bijyanye n'ibyo komisiyo zitandukanye zishinzwe, mu rwego rwo gufata ingamba zo kugabanya ubukene.
6. Ku ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asabira Imirenge kongererwa amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000f) kuri Fonctionnement ; azafasha Abanyamabanga Nshingwabikorwa mu kazi ko kunoza umutekano wa buri munsi abari mu nama bayemeje.
7. Ku ibaruwa Cooperative Tworore inka Kijyambere ikorera mu Murenge wa Mugesera yanditse isaba gutizwa ubutaka bwo kororeramo bungana na ha 6.4, abajyanama bagize Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu basuye aho ubwo butaka buri baganira n'abayobozi b'inzego z'ibanze ndetse n'abaturage batatu basanzwe bahakorera ubworozi

bw'inka guhera mu mwaka wa 2002; aribo RUBANZANA Elie; NGABONZIZA na GAKIRE Felicien.

Nyuma yo gusanga imyaka 14 bamaze muri ubu butaka nta musaruro ugaragara aba baturage batatu babubyaje, Inama Njyanama yafashe umwanzuro ko aba babukoreramo babwakwa bugatizwa cooperative **Tworore Kijyambere** kuko ifite intego yo kwiteza imbere; guteza imbere abahatuye n'Akarere muri rusange nk'uko biri mu mushinga bagaragaje basaba gutizwa ubu utaka. Inama yabasabye kwihutisha kuzuza ibyangombwa byabo kugirango hazabashe gukorwa amasezerano n'Akarere kandi bakazahakoresha icyo bahasabiye. Akarere kagena igiciro cy'ubukode n'igihe buzamara.

8. Ku ibaruwa yo ku wa **12/04/2016** **Prison Fellowship Rwanda** yandikiye Inama Njyanama isaba gusonera kwandikisha ibibanza abaturage 60 yubakiye amazu mu Mudugudu w'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Murenge wa Remera, abari mu nama bemeje ko hasonerwa abaturage bari mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe gusa abandi bakiyishyurira.

9. Ku ibaruwa yo ku wa **20/05/2016** Bwana **MUDAHERANWA Augustin** wo mu Murenge wa Murama yandikiye Inama Njyanama asaba ingurane y'ubutaka yita ko ari ubwe, hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yakurikiranye imiterere y'icyo kibazo, abari mu nama bemeje ko ubwo butaka ari ubwa Leta; bityo MUDAHERANWA akaba akwiye kwegera abashinzwe amashyamba, bakamuha amabwiriza yo gusarura ibiti bye yari yarateyeho, agasiga ubutaka bwa Leta. Ibi bigomba gukorwa bitarenze amezi atandatu kuva iyi myanzuro yemejwe.

10. Ku ibaruwayo ku wa 08/06/2016 **MUKARUYONGA Cecille** yandikiye Inama Njyanama asaba ingurane y'ubutaka mu nkengero y'ikiyaga cya Sake; hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bamusuye , abari mu nama bemeje ko iyo ngurane atayihabwa kuko MUKARUYONGA Cecille ashaka gushyirwa ku rutonde rw'abari bahafite ubutaka kandi we ntabwo yigeze ahagira.

11. Ku ibaruwa yo ku wa 04/12/2015 Koperative KOAKI ya Kazo yandikiye Inama Njyanama itira igishanga **cyo** kororeramo amafi, abari mu nama bemeje ko babanza bagashaka ibyangombwa by'uko ari Koperative bakabona kuzakodeshwa aho hantu basaba gukorera.

12. Ku ibaruwa yo ku wa 16/08/2016 Bwana RUSURA Francis Umuhuzabikorwa wa DASSO ku rwego rw'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba guhemberwa uwo mwanya kuko yahembwaga umushahara w'Umuhuzabikorwa wa DASSO Wungirije ku rwego rw'Akarere , n'iya MUNYAMFIZI Habimana Umuhuzabikorwa wa DASSO Wungirije ku rwego rw'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba guhemberwa uwo mwanya kuko yahemberwaga umwanya w'Umuhuzabikorwa Wungirije wa II (DASSO Assistant Officer), abari mu nama bemeje ko bahemberwa imyanya ijyanye n'amabaruwa yabashyize mu kazi kandi bikagendera ku itegeko rishyiraho urwego rwa DASSO.

13. Ku bijyanye n'itumanaho rya Internet rigenerwa Abajyanama , abari mu nama bemejeko byateganywa mu Ngengo y'Imari ivuguruye kandi bagakorana n'itumanaho rya MTN kuko ariyo igaragara hose mu karere kurusha ibindi bigo by'itumanaho biri mu gihugu.

**III.Ingingo ya gatatu : Ibintu n'ibintu**

14. Mu bintu n'ibindi abari mu nama bemeje ikiruhuko cy'umwaka wa 2016-2017 cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere ku buryo bukurikira:

| No | AMAZINA | ICYO AKORA | IGIHE AZAGIRA MU KIRUHUKO |
|---|---|---|---|
| 1. | KIRENGA Providence | Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza | 19/12/2016-08/01/2017<br>13/02/2017-20/02/2017 |
| 2. | RWIRIRIZA J.MV | Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu | 09/01/2017-09/02/2017 |

15. Ku kibazo cy'umukozi ushinzwe imirimo y'Inama Njyanama Madamu MUREKATETE Judith, abajyanama bemeje ko nyuma yo kugaragaza intege nke mu mirimo ye asubizwa Komite Nyobozi maze uwo mwanya ugashakirwa undi mukozi ufite ubushobozi kandi wujuje ibisabwa kuri wo.

Inama yasoje imirimo yayo i saa kumi n'imwe n'igice Umuyobozi wayo ashimira abayitabiriye.

**Bikorewe i Ngoma ku wa 30/11/2016.**

| | |
|---|---|
| **Umwanditsi w'inama:** | **Umuyobozi w'inama:** |
| **MUKANKURANGA Beatrice** | P.O Dr Mathusalem K |
| Umunyamabanga w'Inama | **BANAMWANA Bernard** |
| Njyanama y'Akarere ka Ngoma | Perezida w'Inama Njyanama |
| | y'Akarere ka Ngoma |

# REPUBULIKA Y'U RWANDA

## INTARA Y'IBURASIRAZUBA
## AKARERE KA NGOMA

E-mail : ngomadistrict@minaloc.gov.rw

### URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 30/11/2016

| Nº | AMAZINA YOMBI | UMURENGE | TEL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | MUGISHA Narcisse | REMERA | 0783716454 | |
| 2 | KAYITESI Paulette | KAREMBO | 0788770827 | |
| 3 | KARANTYANA Candide | RUKUMBERI | 0783338777 | |
| 4 | HAKIZIMANA Augustin | Kibungo | 0788604376 | |
| 5 | GASANA J. de Dieu | Murama | [illegible] | |
| 6 | ISINGIZWE Aline | RURENGE | 0788387829 | |
| 7 | UMENYI Martin | KAZO | 0788245461 | |
| 8 | KAZIMIRE Juvens | KIBUNGO | 0788809923 | |
| 9 | HATEGEKIMANA Fred | Murama | 0788545864 | |
| 10 | MUKANDANGA Marie | Jarama | 0788341022 | |
| 11 | Mukandekuzi Pélagie | MUGESERA | 0788605220 | |
| 12 | MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 | |
| 13 | Muligo Ladislas | Karembo | 078866575N | |
| 14 | MUSABIMASONI M. Grace Sandra | ZAZA | 0788541285 | |
| 15 | MUSONERA Ephrem | MUGESERA | 0788358916 | |
| 16 | MWIZA Nadège | ZAZA | 0782535363 | |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
E-mail : ngomadistrict@minaloc.gov.rw

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 30/11/2016**

| Nº | AMAZINA YOMBI | UMURENGE | TEL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 17 | Dr NAMANYA William | Rukumberi | 0788690461 | [signature] |
| 18 | Mpfurdise Ndayizaje | Kibungo | 0786859411 | [signature] |
| 19 | SINAYOBYE Innocent | Murama | 0783507676 | [signature] |
| 20 | [illegible] Marie Providence | SAKE | [illegible] | [signature] |
| 21 | Fausco UWINGABIRE | Gashanda | 0788539669 | [signature] |
| 22 | RWIRIRIZA J.M.Vianney | RUKIRA | 0788522521 | [signature] |
| 23. | MUGIRANEZA L. Thierry | RUREMBO | 0788430785 | [signature] |
| 24. | Mukankuranga Béatrice | Kibungo | 0788157379 | [signature] |
| 25 | Dr KANYANA Mathusale | SAKE | 0788413212 | [signature] |
| 26 | Bernard SANANWANA | ZAZA | 078731070 | [signature] |
| 27 | Rukundo Aulani | Gashanda | 0788514139 | [signature] |
| 28. | KIRENGA Providence | KAZO | 0788562953 | [signature] |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |